Singita
COMMUNITY CULINARY SCHOOL

## AMAHIRWE YO KWIGA MU ISHURI RYIGISHA UBUTETSI BW'UMWUGA, ICYICIRO CYA MUTARAMA 2025

Ku bufatanye bwa Singita na Muhabura Integrated Polytechnic College (MIPC), hafunguwe Ishuri ryo kwigisha ubutetsi bw'umwuga hagamijwe guha urubyiruko ruri mu kigero cy'imyaka hagati ya 18 na 24, amahirwe yo kuzigishwa umwuga wo guteka bakazavamo abatetsi (Chefs) b'umwuga. Uyu mwaka, iri shuri rifite imyanya 10, ikazahabwa urubyiruko ruturuka mu miryango itishoboye yo mu mirenge yegereye Singita (Nyange na Kinigi) n'umurenge wa Cyuve ishuri MIPC ribarizwamo. Abo 10 bakaziga bishyurirwa ikiguzi cyose gisabwa (full scholarships).

Iyi Porogramu yigishwa mu gihe cy'umwaka umwe ndetse n'amezi 6 yo kwimenyereza umwuga, ifasha abanyeshuri kubona impamyabumenyi yemewe ku rwego mpuzamahanga mu butetsi bw'umwuga izwi nka **City and Guilds Level 2 Diploma in Professional Cookery.** Abanyeshuri kandi bahabwa amahugurwa mu bijyanye na divayi, gukumira no kurwanya inkongi y'umuriro, ndetse n'ubutabazi bw'ibanze ( **WSET Level 1 Wine, Fire fighting, and First Aid Level 1 Certifications).** Amasomo abanyeshuri biga,hamwe no kuyashyira mu bikorwa( practicals) bayasoza bari ku rwego rw'abatetsi bazwi nka **Commis Chefs,** kandi baba barateguwe gukora muri hoteli ziri ku rwego rwo hejuru. **Biteganyijwe ko amasomo y'uyu mwaka azatangira kuwa 6 Mutarama 2025.**

Ibisabwa uwifuza kwiga aya masomo:

- Kuba yifitemo ishyaka n'umuhamagaro mu mwuga wo guteka
- Kuba ari mu kigero cy'imyaka iri hagati ya 18 na 24 y'amavuko
- Kuba abarizwa mu karere ka Musanze: Imirenge ya Kinigi/Nyange/Cyuve
- Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ( A2)
- Kuba azi kuvuga no kwandika ururimi rw'icyongereza
- Kuba afite ubumenyi buhagije mu mibare
- Kuba afite ubumenyi buhagije mu gukoresha Mudasobwa
- Kuba ashobora gukora cyane no kumara igihe kirekire ahagaze
- Kwimakaza indangagaciro za Singita arizo: Leadership, Innovation, Intuition, Generosity, Humility, Passion & Teamwork

Ibindi bigomba kubahirizwa

- Mu gihe cyose cy'amasomo, umunyeshuri acumbikirwa mu kigo cy'ishuri cya MIPC.
- Kwimenyereza umwuga: bikorwa mu gihe cy'amezi 6, bishobora gukorerwa muri hoteli iyo ariyo yose mu Rwanda.
- Umunyeshuri wahagarika cyangwa ntasoze imenyereza mwuga ry'amezi 6 riteganyijwe, azasabwa gusubiza amafaranga yo kwifashisha (stipend) yahawe.

Muhabura Integrated Polytechnic College
M I P C
P.O Box 26 MUSANZE

SINGITA RWANDA INVESTMENTS LIMITED
Singita
KWITONDA LODGE
P.O. Box 4942
Kigali - Rwanda
Company Code: 103742313

Ibikurikizwa mu gusaba kwiga muri iri shuri:

Intambwe ya 1: Hakenewe ibyangombwa bikurikira.

- Fotokopi y'Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye
- Fotokopi y'Indangamuntu
- Icyangombwa gitangwa n'ubuyobozi cyerekana ko usaba abarizwa mu karere ka Musanze mu mirenge ya Kinigi,Nyange,Cyuve ndetse n'icyerekana ko akeneye ubufasha bwo kwiga kuko adafite ubushobozi.

Intambwe ya 2: Gusubiza ibibazo byabajijwe

- Usaba wese asabwa gusubiza ibibazo byatanzwe hepfo (asubiza mu cyongereza),agasubiriza ku rupapuro rwa A4, ashobora kwandika ku mpande zombi ( recto-verso) z'urupapuro aramutse abikeneye. Ashobora kubanza kwandukura ibibazo ku ruhande, kugirango yizere ko abisubije byose ntacyo asize.
- Ku rupauro asubirijeho, ashyiraho imyirondoro ye yose: umudugudu,akagari,umurenge, Akarere, numero ya telefoni na email ku bayifite.

Intambwe ya 3: Gutanga dosiye mu ishuri (MIPC) bitarenze taliki 22 Kanama 2024

- Dosiye isaba kwiga igomba kuba yatanzwe mu ishuri MIPC, mu biro bishinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri (Office of the Academic Registrar), biherereye ahegereye neza amarembo manini ya MIPC, bitanenze taliki 22 Kanama 2024.
- Dosiye itujuje ibisabwa byose ntizahabwa agaciro.
- Abatanze dosiye zujuje ibisabwa bazahamagarwa bitarenze taliki 23 Kanama 2024, bamenyeshwe igihe cyo gukora ikizami cyanditse. Nibirenga taliki 23 Kanama 2024 udahamagawe, uzamenye ko ubwo dosiye yawe itujuje ibisabwa. Uwaba afite ikibazo yabariza k'Umuyobozi wa MIPC Wungirije ushinzwe amasomo n'amahugurwa, kuri email: uwesopha@gmail.com na tel: 0788585248 cyangwa ku ushinzwe SCCS muri Singita, kuri email: martin.T@singita.com na tel: 0788749538.

IBIBAZO

1. Tubwire ibintu bitatu uzi ku ishuri rya Singita ryigisha ubutetsi bw'umwuga, uvuge n'impamvu ushaka kuryigamo.

2. Tubwire ikintu cy'ingenzi wagezeho mu buzima bwawe, ukaba utewe ishema na cyo; gishobora kuba kirebana n'aho wize, sosiyete utuyemo cyangwa se ubuzima bwawe bwite. Erekana imbogamizi wahuye na zo, uburyo wabashije kuzivanamo, n'uburyo uzakoresha amasomo wigiyemo mu hazaza hawe.

3. Tubwire umuntu ufata nk'ikitegererezo, usobanure n'impamvu. Sobanura uko ugerageza kumwigana mu buzima bwawe. Ashobora kuba umuntu mwahuriye mu buzima bwawe bwite, uwo muturuka muri sosiyete imwe cyangwa umuntu wumvise ukaba utaranahura nawe.

4. Sobanura muri make impamvu wifuza kuba umutetsi w'umwuga

Bikozwe Musanze, kuwa 25 Nyakanga 2024,

Ubuyobozi bwa MIPC

Reverend Vital Manirakiza
Principal

Ubuyobozi bwa Singita Volcanoes National Park

Hermann Naude
General Manager